

<<INSERT SCHOOL LOGO / INFORMATION HERE – GRADE 7 AND UP – PAPER-BASED SURVEY>>

<<DATE>>

Babyeyi,

Mu gihembwe cyo mu **rugaryi**, abanyeshuri biga mu mwaka wa 6 kugeza muri **<<INSERT GRADES>>** kuri rino shuri, bazitabira ubushakashatsi **budakenewemo ko amazina y’ababwitabira atangazwa**. Ubushakashatsi budakenewemo ko amazina y’ababwitabira atangazwa ni ijambo rikoreshwa igihe abanyeshuri batatubwira amazina yabo. Abanyeshuri bagera kuri 96.000 biga muri Maine basabwe kwitabira ubwo bushakashatsi. Ubushakashatsi buzamara umwanya uri hafi y’uwigwamo isomo rimwe. Ibikurikira ni bimwe mu bisubizo by’ibibazo mushobora kuba mufite kuri ubu bushakashatsi.

Ni ibihe bibazo bizabazwa muri ubu bushakashatsi?

Ubushakashatsi burimo ibibazo byerekeye ubuzima n’imyitwarire. Bimwe muri byo bijyanye n’insanganyamatsiko zikurikira:

- | | |
|-----------------------------|--|
| • Asima | • Kwirinda gutwikwa n’urumuri rw’izuba |
| • Ibyo umunyeshuri afungura | • Ubumuga |
| • Ibikorwa ngororamubiri | • Uburwanyi n’ibikorwa byo gutera ubwoba |
| • Kunywa itabi | • Imibonano mpuzabitsina |
| • Kunywa inzoga | • Ibibazo byo kwiheba no kwiyahura |
| • Ibindi biyobyabwenge | • Gukina urusimbi |

Ubu bushakashatsi buzaba bugamije kubaza ibibazo byerekeye ibibera ku ishuri, mu miryango yabo, ndetse no mu nshuti zabo bishobora gutuma umunyeshuri ahitamo ibishobora gukiza cyangwa kwica ubuzima bwe. Bimwe muri ibyo bibazo ni ibyerekeye insanganyamatsiko zikurikira:

- Niba umunyeshuri yafatwa igihe yanywa itabi cyangwa ibindi biyobyabwenge
- Niba inshuti zabo zikoreshe ibiyobyabwenge
- Niba bari mu mashyirahamwe cyangwa bitabira ibikorwa rusange.
- Ubufasha n’amategeko bagenderaho ku ishuri no mu rugo iwabo.

Ibibazo biratandukanye bitewe n’umwaka umunyeshuri yigamo. Ibibazo bikubiye muri ubu bushakashatsi bijyanye n’imyaka y’abanyeshuri. Mushobora kureba ibibazo bizabazwa mwandikira cyangwa musura ikigo cy’ishuri umwana yigamo cyangwa urubuga rwa interineti rwa MIYHS.

Ese ubu bushakashatsi bukorwa na nde?

Ubu bushakashatsi bukorwa ku bufatanye bw’Ishami rya Maine rishinzwe Ubuzima na Serivisi z’Ubuzima (DHHS) n’Ishami rya Maine rishinzwe Uburezi (DOE). Ubu bushakashatsi buzifashishwa mu rwego rwo kumenya neza abanyeshuri bose bo muri Maine. Ibizava mu bushakashatsi bishobora kuzakoreshe mu kubona imfashanyo y’amafaranga, kugira uruhare mu kubona ibyigishwa, cyangwa kubona uko ibikorwa by’ubu bitanga umusaruro.

Kuki umwana wanjye yakwitabira ubu bushakashatsi?

Ibizava muri ubu bushakashatsi bizatuma gahunda za Leta, amatsinda agize umuryango mugari, ndetse n'ibigo by'amashuri biha umwana wawe serivisi nziza cyane.

Ni gute namenya niba nta ngaruka umwana wanjye yahura nazo kubera kwitabira ubu bushakashatsi ?

- **Umwana wawe afite uburenganzira bwo kwitabira ubu bushakashatsi cyangwa kutabwitabira.** Umwana wawe ahisemo kutitabira ubu bushakashatsi, umwarimu we azamushakira ikindi yaba akora igihe abandi bana bazaba bari mu bikorwa by'ubushakashatsi.
- Abanyeshuri bamwe bashobora gusanga hari ibibazo bimwe bitaboroheye gusubiza. Birashoboka ko bakumva badashaka gusubiza ibisubizo bimwe.
- Umunyeshuri ashobora gusimbuka ikibazo cyose adashaka gusubiza.
- Umwana wawe aramutse yumvise ababaye mu gihe cy'ibarura cyangwa nyuma yaryo, abakozi b'ikigo cy'ishuri bamuganiriza kandi bakamuha ubufasha akeneye.
- Nta gihano giteganyijwe kubera kutitabira ubushakashatsi cyangwa kudasubiza ibibazo byose.
- **Ubu bushakashatsi buteguye ku buryo burinda amakuru bwite y'ibanga y'umwana wawe.**
- Ibisubizo by'umunyeshuri umwe ntabwo bizatangwa ukwabyo. Nta mazina y'umunyeshuri azagaragazwa muri iyi raporo.
- Nta makuru afite aho ahuriye n'ibisubizo umwana wawe yatanze muri ubu bushakashatsi azabikwa.

Ese nakora iki igihe mfite ibindi bibazo byerekeye ubu bushakashatsi

- Mwifuza kubona ubwo bushakashatsi, mwahamagara ku kigo cy'ishuri bakabaha gahunda yo guhura nabo mbere y'uko ubushakashatsi butangira cyangwa mugasura urubuga rwa interineti rwa MIYHS: www.maine.gov/MIYHS
- Niba mfite ibibazo byerekeye ubu bushakashatsi, mushobora kandi guhamagara: Korey Pow (Maine CDC) kuri (207) 287-5084 cyangwa kuri imeyiri korey.pow@maine.gov Jean Zimmerman (Maine DOE) at (207) 215-6841 cyangwa kuri imeyiri jean.zimmerman@maine.gov.
- Niba mfite ibibazo byerekeye uburenganzira bwanyu cyangwa uburenganzira bw'abana banyu mushobora guhamagara Umuyobozi w'Akanama gashinzwe guharanira uburenganzira bwa muntu kuri numero ya telefoni (207) 228-8434 kandi/cyangwa mukohereza ubutumwa bwanyu kuri imeyili usmorio@maine.edu. Urwego rwa Kaminuza ya Southern Maine rushinzwe kunonosora ubushakashatsi (IRB) rwemeje ko ubu bushakashatsi ari ingirakamaro. IRB irinda iyubahirizwa ry'uburenganzira n'imibereho myiza by'abitabira ubushakashatsi.

Niba mutifuza ko umwana wanyu yitabira ubu bushakashatsi, mwagana ibiro by'ikigo cy'ishuri. Mushobora kandi kwanga ko umwana wanyu apimwa uburebure n'ibiro. Nimutagira icyo mutumenyesha, tuzafata ko mwemeye ko umwana wanyu yitabira ubu bushakashatsi. Umwana wanyu ashobora kwanga kwitabira ubushakashatsi ku musu wo kubukora.

Murakoze.

<<PRINCIPAL'S NAME>>

Umuyobozi w'Ikigo cy'ishuri

IRB 15-07-562
Approved by USM IRB
May 6, 2021 – May 5, 2022